MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

No 255
Nzeri 2024



## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YEMEJE RAPORO Y'IBIKORWA BYARYO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2023-2024



Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, yateranye tariki ya 19 Nzeri 2024, yasuzumye kandi yemeza raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka wa 2023-2024. Ibikorwa Ihuriro ryagezeho bikubiye mu nkingi eshatu zikurikira:

**Mu nkingi yo guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya politiki, ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu**, bimwe mu by'ingenzi byakozwe birimo: gutegura inama z'Inama Rusange z'Ihuriro zitegurwa buri gihembwe. Hakaba harabaye ibiganiro bikurikira: ikiganiro kuri «Politiki n'ingamba z'Igihugu mu kunoza imiturire no gukoresha neza ubutaka"; ikiganiro ku "Imyiteguro y'itora rya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024"; ikiganiro kuri "Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gukumira no kurwanya ibiza"; ikiganiro kuri "Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere ubuzima mu Rwanda harimo no gukemura ikibazo cy'ubuke bw'abaganga: ibyagezweho, imbogamizi n'ingamba"; ikiganiro kijyanye n'imyitwarire ikwiye kuranga abazitabira Itora rya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024; ikiganiro k"Uruhare rw'Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki mu kugira Igihugu kigenga nyakuri kandi gifite icyerekezo".

Habaye kandi inama nyunguranabitekerezo k"Uruhare rw'Imitwe ya Politiki n'Ihuriro mu miyoborere y'u Rwanda no kubaka ubwumvikane nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994", ndetse n'inama nyunguranabitekerezo k"uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda". Ihuriro kandi ryagize uruhare mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kwibuka abanyapolitiki bishwe mu gihe cya Jenoside.

**Mu nkingi yo kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki no guteza imbere umwuga wa Politiki,** hakozwe amahugurwa anyuranye arimo ay'urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya Politiki kuri Politiki n'imiyoborere / *Youth Political Leadership Academy* (YPLA); icyiciro cya 20 cyari kigizwe n'abasore n'inkumi 83 baturuka mu Mitwe ya Politiki yose igize Ihuriro bo mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara y'Iburasirazuba.

Habaye kandi amahugurwa y'abahagarariye Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki bo mu Ntara y'Iburasirazuba, iy'Amajyepfo, n'Umujyi wa Kigali; akaba yaritabiriwe n'abagore 192 kuri 198 bari bateganyijwe, bangana na 96.9 %. Hanabaye amahugurwa y'abagize Urwego rushinzwe kugenzura imyitwarire no gukemura impaka mu Mutwe wa Politiki, yakozwe ku rwego rw'Igihugu, mu Ntara y'Amajyaruguru n'Umujyi wa Kigali.

**Mu nkingi yo guteza imbere Ihuriro no guteza imbere ubufatanye n'izindi Nzego,** Ihuriro ryakiriye abashyitsi bo muri Ambassade y'Ubushinwa, abaturutse mu gihugu cya Zimbabwe, abo muri Ethiopie, abo mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (East African Community - EAC). Aba bashyitsi basobanuriwe imikorere y'Ihuriro n'uruhare rwaryo mu guteza imbere demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Basobanuriwe kandi uruhare rw'Ihuriro n'Imitwe ya Politiki mu migendekere y'Itora rya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024.

**Inama Rusange yashimye ibyagezweho mu mwaka wa 2023-2024, ishishikariza Imitwe ya Politiki kujya ikurikirana abayoboke bayo bahugurwa n'Ihuriro**, kugira ngo imenye aho bari, bityo ubumenyi bahabwa bufashe mu iterambere ry'Imitwe ya Politiki n'iry'Igihugu muri rusange.

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YAGEJEJWEHO RAPORO Y'IGENZURA RY'UMUTUNGO N'IMARI BYARYO MU MWAKA WA 2023-2024



Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 59 y'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro, Ihuriro ryifashisha ubugenzuzi bw'imari bwo hanze mu igenzura ry'imikoreshereze y'imari n'umutungo byaryo. Iyo raporo ishyikirizwa Inama Rusange y'Ihuriro ikayemeza. Akaba ari muri urwo rwego, tariki ya 19 Nzeri 2024, Inama Rusange yasuzumye raporo y'igenzura ku micungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2023-2024; ubugenzuzi bwakozwe n'Ikigo **ITAU AUDITORS Ltd**.

Mu gusuzuma raporo y' igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2023-2024, Perezida wa Komisiyo ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego, **Hon. RUTAREMARA Tito**, yahawe umwanya agaragaza ibikubiye muri raporo.

Yavuze ko igenzura ryakorewe Ihuriro, ryari rigamije kureba ko inyandiko zijyanye n'ibaruramari zakozwe neza hakurikijwe amahame rusange y'ibaruramari no kugaragaza ishusho y'umutungo w'Ihuriro; kureba ko uburyo ngenderwaho bw'imikorere y'Ihuriro bubungabunga umutungo waryo; kureba ko ishusho y'umutungo yakozwe hakurikijwe amahame mpuzamahanga abigenga ko kandi igaragaza umutungo nyakuri w'Ihuriro; no kureba imikorere y'Inzego z'Ihuriro n'imicungire y'abakozi.

Igenzura ryagaragaje ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024 Ihuriro ryabonye amafaranga miliyoni magana atanu na mirongo icyenda n'enye, ibihumbi magana abiri na mirongo itanu na bine n'amafaranga magana atandatu na mirongo inani, (594,254,680 Frw); rikoresha miliyoni magana atanu na mirongo icyenda n'enye, ibihumbi magana abiri na mirongo itanu na bine n'amafaranga magana cyenda na mirongo irindwi (594,254,970 Frw).

Umugenzuzi yagaragaje ko amafaranga Ihuriro ryabonye, agizwe n'ayatanzwe na Leta (545,383,620Frw), ayatanzwe n'Umuryango UNDP (48,636,060Frw) n'ayakomotse ku kugurisha ibitabo by'ipigana ry'amasoko (235,000Frw). Ayo mafaranga yakoreshejwe mu gukodesha aho Ihuriro rikorera, gutanga inkunga ku Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, kugura ibikoresho no kwishyura serivisi, kwishyura imishahara y'abakozi, n'ibindi.

**Ku birebana n'igenzura ry'umutungo utimukwana n'uwimukanwa**, igenzura ryagaragaje ko Ihuriro rifite umutungo utimukanwa ugizwe n'ubutaka bubaruye kuri UPI: 1/03/01/01/189 buri mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Kicukiro bukaba bufite agaciro ka 245,104,598 Frw. Naho umutungo wimukanwa w'Ihuriro ufite agaciro ka 46,481,287 Frw. **Ku birebana n'igenzura ku mikorere y'Inzego z'Ihuriro n'imicungire y'abakozi,** Umugenzuzi yagaragaje ko Inzego zose z'Ihuriro zuzuza neza inshingano zazo, n'imicungire y'abakozi ikaba ikurikiza amategeko

abigenga mu Ihuriro.

**Ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro n'inama z'Umugenzuzi**, igenzura ryagaragaje ko imyanzuro n'inama umugenzuzi yari yahaye Ihuriro mu mwaka washize wa 2022-2023 yashyizwe mu bikorwa ku kigereranyo cy'i 100%.

**Umugenzuzi akaba yaranzuye avuga ko mu mwaka w'ingengo y'imari 2023-2024, imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro yagenze neza.**

Inama Rusange yashimye ko umutungo n'imari by'Ihuriro byacunzwe neza, inashima uburyo inama umugenzuzi yagiriye Ihuriro zose zitaweho.

## INAMA RUSANGE YASUZUMYE RAPORO Y'INDORERERZI Z'IHURIRO ZAKURIKIRANYE ITORA RYA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABADEPITE



Inama Rusange yamenyeshejwe ko Ihuriro ryakurikiranye imyiteguro n'imigendekere y'itora rya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024. Muri icyo gikorwa indorerezi z'Ihuriro zahawe ubutumwa bwo kureba ko ibiro by'itora biteguye neza; kureba ko ibikoresho by'amatora biri ku biro by'itora; kureba uko amatora yitabirwa; kureba niba amategeko n'amabwiriza byubahirizwa; kureba ko uburenganzira bw'abaje gutora bwubahirizwa; kureba muri rusange uko umutekano n'ituze byaranze amatora; kureba ibarura ry'amajwi; no kureba uburyo ibyavuye mu matora byakiriwe n'Inteko itora.

Ubutumwa bw'indorerezi z'Ihuriro bwakorewe mu matsinda. Hakaba harakozwe amatsinda 33, buri tsinda rigizwe n'abantu batatu (3) baturuka mu Mitwe ya Politiki itandukanye, nibura umwe (1) muri bo akaba umugore. Ikindi ni uko buri Mutwe wa Politiki wayoboye nibura amatsinda abiri (2).

Muri iki gikorwa, **Indorerezi z'Ihuriro zashimye** ko abaturage bitabiriye amatora, bazindutse kandi batora mu bwisanzure; umutekano wari ubungabunzwe kuri buri biro by'itora; amatora yatangiye kandi asozwa ku gihe; ku bitaro hamwe na hamwe hari hashyizwe ibiro by'itora, byafashije abarwayi gutora; ibarura ry'amajwi ryakozwe ku mugaragaro kandi abaturage bakiriye neza ibyavuye mu matora. Ku birebana n'**ibikwiye kunozwa mu matora ataha**, Indorerezi z'Ihuriro zagaragaje ibi bikurikira:

1. Gukomeza kunoza uburyo bwo kwikosoza no kwiyimura kuri lisiti y'itora hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga kugira ngo bigabanye umubare w'abatorera ku mugereka;
2. Kongera ubukangurambaga mu matora y'ibyiciro byihariye, abagize inteko itora bagashishikarizwa kubahiriza igihe cyo gutangira amatora;
3. Gukomeza kubaka ubushobozi bw' abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyane abashya batangiye iyo nshingano.

Muri rusange Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye imyiteguro n'imigendekere y'itora rya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024, zigera mu Ntara zose n'**Uturere 30** tugize Igihugu, zikurikirana ayo matora mu **Mirenge 249 no ku biro by'itora 1,173**.

Indorerezi z'Ihuriro zashimye ko itora rya Perezida wa Repubulika n'amatora y'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024, yakozwe akomatanyijwe, bikaba byarorohereje abayobora amatora n'abatora, haba mu gukoresha igihe neza ndetse n'ingengo y'imari yakoreshwaga ku bikorwa byayo iragabanuka. Indorerezi z'Ihuriro zashimye kandi uburyo kuri buri cyiciro cy'amatora, habonetse Abanyarwanda b'ingeri zinyuranye bagaragaje ubushake bwo guhatanira kujya mu Nzego z'ubuyobozi zifatirwamo ibyemezo.

Inama Rusange ishingiye kuri raporo y'indorerezi z'Ihuriro, yemeje ko itora rya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yabaye muri Nyakanga 2024, yateguwe kandi akorwa mu mucyo, mu bwisanzure, mu mutekano, kandi ibyayavuyemo bikaba byarakiriwe neza n'Abanyarwanda ndetse n'abakandida bahatanaga.

## INAMA RUSANGE YASHYIZEHO ABASENATERI BAGENWA N'IHURIRO ry'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

Tariki ya 19 Nzeri 2024, Inama Rusange y'Ihuriro yatoye abakandida Senateri bagenwa n'Ihuriro. Hatowe **Hon. MUKABALISA Donatille**, wo mu Mutwe wa Politiki PL,






na **Hon. MURANGWA NDANGIZA Hadija**, wo mu Mutwe wa Politiki PDI. Inama Rusange yemeje ko dosiye zabo zishyikirizwa Urukiko rw'Ikirenga mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) nk'uko biteganywa n'amategeko, kugira ngo rubemeze.

## INAMA RUSANGE YASHYIZEHO ABAGIZE BIRO Y'IHURIRO INEMEZA UMWE MU BAGIZE KOMISIYO Y'IHURIRO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO.

Tariki ya 19 Nzeri 2024, Inama Rusange y'Ihuriro yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro bakurikira: **Bwana NKUBANA Alphonse,** uturuka mu Mutwe wa Politiki PSP, yatorewe kuba Umuvugizi w'Ihuriro,




naho **Madamu UWITIJE Clementine**, uturuka mu mu Mutwe wa Politiki PSR, yatorewe kuba Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro.





Inama Rusange yemeje ko **Hon. MUKAYIJORE Suzana** wo mu Mutwe wa Politiki PL aba umwe mu bagize Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo, agasimbura Hon. KAZARWA Gertrude watorewe kuba Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite. ■